# Umukunzi wanjye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yangiriye inama zo gukora ibintu bitatu: Gusiba iminsi itatu muri buri kwezi, raka ebyiri zo ku iswalat y'agasusuruko, no gusali iswalat ya Witiri mbere y'uko ndyama

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umukunzi wanjye Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yangiriye inama zo gukora ibintu bitatu: Gusiba iminsi itatu muri buri kwezi, raka ebyiri zo ku iswalat y'agasusuruko, no gusali iswalat ya Witiri mbere y'uko ndyama.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Abu Hurayrat (Imana imwishimire) aravuga ko umukunzi we Intumwa y'Imana ikaba na mugenzi we (Imana imwishimire) yamugiriye inama zo kwita ku bintu bitatu: Icya mbere: Gusiba iminsi itatu buri kwezi. Icya kabiri: Gusali raka ebyiri z'iswalat y'agasusuruko buri munsi. Icya gatatu: Gusali iswalat ya Witri mbere yo kuryama, by'umwihariko kuri wa wundi utinya ko bitaza kumworohera gukanguka mu gice cya nyuma cy'ijoro.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/4538